# GUHAGARARIRA UKURI










**“Kandi nk’uko Mose yamanitse inzoka mu butayu, ni ko Umwana w’umuntu akwiriye kumanikwa, kugira ngo umwizera wese abone guhabwa ubugingo buhoraho.”**

**(Yohana 3:14, 15)**

Daniyeli n'Ibyahishuwe byateguje igihe Satani yajyaga gukoresha ububasha bubumbiye hamwe politiki n'idini mu kurenganya no kurimbura abashikamye mu kuri.

Ubu bubasha "iby'ukuri bubijugunya hasi" (Daniyeli 8:12). Muri icyo gihe "bamwe muri abo banyabwenge bazicwa kugira ngo bacishwe mu ruganda batunganywe, bere kugeza igihe cy'imperuka kuko izaba igitegereje igihe cyategetswe" (Daniyeli 11:35).

Muri icyo gihe – Igihe cy'Umwijima – ukuri kwaribasiwe. Ariko habayeho abantu bahagurukiye kurengera ukuri, n'ubwo byabasaba guhara amagara yabo.







**Ukuri kwibasiwe:**

- Ibihe by'akarengane.
- Ubudahemuka mu karengane.

**Kurengera ukuri:**

- Gusangiza abandi Bibiliya: Abawalidense (Abavoduwa).
- Inyenyeri y'ubugorozi: Yohana Wikilife.
- Gukomezwa no kwizera: Yohana Husi n'abandi.

# UKURI KWIBASIWE

# IBIHE BY'AKARENGANE

"Ni we uzavuga ibyo kugomera Isumbabyose, kandi azarenganya abera b'Isumbabyose. Azigira inama zo guhindura ibihe n'amategeko, kandi bizarekerwa mu maboko ye kugeza aho igihe n'ibihe n'igice cy'igihe bizashirira" (Daniyeli 7:25)


| Igihe cy'akarengane cyatangajwe mu buryo butatu | | |
|---|---|---|
| "Igihe, ibihe n'igice cy'igihe" (Daniyeli 7:25; 12:7; Ibyahishuwe 12:14) | Iminsi 1.260 (Ibyahishuwe 11:3; 12:6) | Amezi 42 (Ibyahishuwe 11:2; 13:5) |

Ijambo "igihe" rihwanye n'"umwaka", naho ijambo "ibihe" ryakoreshejwe na Daniyeli rigasobanura "ibihe bibiri".

Umwaka 1 + Imyaka 2 + ½ cy'umwaka = Imyaka 3½

Amezi 12 + Amezi 24 + Amezi 6 = Amezi 42

Amezi 42 × Iminsi 30 = Iminsi 1.260



Haba mu bihe bya kera ndetse n'ubu, igihe rusange cy'ukwezi ni iminsi 30:

Amezi 42 × Iminsi 30 = Iminsi 1.260

Izo mvugo zose zerekana igihe kimwe: iminsi 1.260.

Tugendeye ku ihame ry'uko "umunsi ugereranya umwaka" (Ezekiyeli 4:6; Kubara 14:34), igihe cy'akarengane cyajyaga kumara imyaka 1.260 isanzwe.

# IBIHE BY'AKARENGANE

"Ni we uzavuga ibyo kugomera Isumbabyose, kandi azarenganya abera b'Isumbabyose. Azigira inama zo guhindura ibihe n'amategeko, kandi bizarekerwa mu maboko ye kugeza aho igihe n'ibihe n'igice cy'igihe bizashirira" (Daniyeli 7:25)

**Ni ibihe bihe by'amateka byabayemo akarengane k'imyaka 1.260 kahanuwe na Daniyeli n'Ibyahishuwe?**

Ubwo ubwami cumi bwa politiki bwajyaga kwaduka muri Roma (amoko cumi yateye ubwami), maze ubundi bwami bukazahirika butatu muri ubwo bwami icumi (Danieli 7:23–25).

Itorero ry'i Roma ryahawe ububasha bwa politiki igihe amoko atatu yari yarashyigikiye imyizerere ya Ariyusi yaneshwaga: Abaheruli, Abavandali n'Abositorogoti



Umwaka wa 538

Jenerali w'Ubufaransa witwa Beritsiye, abitegetswe na Napolewo, yagize Papa imbohe, arangiza ubukuru bw'Itorero ry'i Roma




Umwaka w'1798



Nk'uko byahanuwe, Imana yateguye ahantu ho kurindira itorero ry'indahemuka: ubutayu, ni ukuvuga ahantu hadatuwe cyane (Ibyahishuwe 12:6, 14).


Mu gihe cy'ingorane n'akarengane, abizera b'indahemuka bahagaze bashikamye barengera ukuri, bahungira mu rukundo no kugira neza kw'Imana (Zaburi ya 46:1–3).

Benshi bamennye amaraso yabo kubera ubudahemuka bwabo.



# UBUDAHEMUKA MU KARENGANE

"Bakundwa, ubwo nagiraga umwete wo kubandikira iby'agakiza dusangiye niyumvisemo ko mpaswe no kubahugura, kugira ngo mushishikarire kurwanira ibyo kwizera abera bahawe rimwe, bakazageza iteka ryose" (Yuda 1:3)



**Itorero ry'i Roma rimaze kubona ububasha bwa politiki, ryatangiye gukoresha imbaraga zaryo rihatira abantu bose gukurikiza amabwiriza y'idini, kandi amenshi muri yo akaba yari agoretse.**

**Icyongeye kuri ibyo ni ukwangirika kwari mu bayobozi b'iryo torero. Kugira ngo babuze rubanda kwigomeka ku butegetsi bwaryo, ryabakuyemo ikintu cy'ingenzi kurusha ibindi: Ijambo ry'Imana.**

**Ariko itorero ry'i Roma ntiryashoboye kurimbura Ijambo ry'Imana burundu. Abantu b'indahemuka barahagurutse, kandi kubwo kuyoborwa n'inyigisho za Bibiliya kandi bagakurikiza inama zanditswe na Yuda, barwanye inkundura kugira ngo barengere ukwizera kwabo (Yuda 1:3).**



**Kubw'imbaraga y'Ijambo, batinyutse gukwirakwiza inyigisho zaryo. Kubwo gukomezwa n'amasezerano nk'ayo mu Byahishuwe 2:10, babaye indahemuka kugeza ku gupfa, biringiye kuzahabwa ikamba ry'ubugingo.**

# KURENGERA UKURI

# GUSANGIZA ABANDI BIBILIYA: ABAWALIDENSE (ABAVODUWA)




**"Petero n'izindi ntumwa barabasubiza bati 'Ibikwiriye ni ukumvira Imana kuruta abantu' "** (Ibyakozwe 5:29)

**Petero Walido (yabayeho mu 1140–1218), umuherwe w'umucuruzi w'Umufaransa wahaze ubutunzi bwe kugira ngo abwirize Kristo, yashinze umuryango "Abakene b'i Liyo" uzwi ku izina ry'"Abawalidense (Abavoduwa)". Papa Alegizanderi wa III yemeye indahiro ye y'ubukene.**

**Nyuma gato, Faranswa wa Asize (yabayeho mu 1181–1226), na we yahize indahiro y'ubukene, ikemezwa na Papa Inosenti wa III, yashinze umuryango w'Abafaransisika.**





**Kugeza icyo gihe, Papa Lusiyusi wa III yari yaramaganye abayoboke ba Petero Walido nk'abayobe. Nyamara, Abafaransisika babaye inkingi y'Itorero ry'i Roma mu gihe Abawalidense bo batsembwe hafi yo kuzima. Kubera iki?**

**Kubera ubudahemuka. Abafaransisika bari indahemuka kuri Papa, naho Abawalidense (Abavoduwa) bari indahemuka ku nyigisho za Bibiliya.**

# GUSANGIZA ABANDI BIBILIYA: ABAWALIDENSE (ABAVODUWA)

## Ni iki cyarangaga Abawalidense (Abavoduwa)?



Babaye ab'ikubitiro mu kugira Bibiliya mu rurimi rwabo (kugeza icyo gihe, yabonekaga gusa mu Kilatini, Urugiriki cyangwa Uruheburayo).



Kubera ko Bibiliya cyari igitabo cyabuzanijwe, bayicapiraga mu buvumo, bihisha abambari b'Ubupapa bari barabagose.



Buri gihe bitwazaga imigabane ya Bibiliya, kugira ngo uko babonye uburyo, bayisangize abandi, babatera ibyiringiro n'umwete mu Mana.



Barinze ukuri kwa Bibiliya bari bazi mu binyejana byinshi. Bari bazwiho ubudahemuka n'ubwitange.




Abo mu birorero byose, haba mu majyepfo y'u Bufaransa ndetse no mu majyaruguru y'u Butaliyani i Piyemo, barahindutse.



Ibyo birorero hafi ya byose byasenywe n'ubupapa, abaturage babyo baratsembwa.

# INYENYERI Y'UBUGOROZI: YOHANA WIKILIFE

*"Ariko inzira y'umukiranutsi ni nk'umuseke utambitse, Ugakomeza gukura ukageza ku manywa y'ihangu"*
(Imigani 4:18)



Yohana Wikilife (yabayeho mu 1324–1384) yarunduriye imibereho ye yose mu guhindura Bibiliya mu Cyongereza. Ni iki cyamubashishije kubikora? Impamvu ni ebyiri: Kristo yari yaramuhinduye binyuze mu Ijambo; kandi yashakaga gusangira n'abandi urukundo rwa Kristo.

Uwiga Bibiliya abikuye ku mutima, kandi agakingurira umutima we imbaraga za Mwuka Wera, arahinduka (Abaheburayo 4:12).



Birumvikana ko ibyo byateye amakimbirane hagati ye n'Itorero ry'i Roma. Kubw'umubano we n'abayobozi bakuru mu Bwongereza, Yohana ntiyapfiriye mu maboko ya Kiliziya.



Mu 1428, umubiri w'uyu mugorozi waratwitswe, ivu rye rijugunywa mu ruzi. Ivu rye ryakwirakwiriye hirya no hino ryabaye ikimenyetso cy'umurage we.

Umucyo muto w'ukuri wakongejwe na Yohana Wikilife wageze muri Bohemiya, aho Yohana Husi yakiriye uwo murage. Muri ubu buryo, ukuri kwarasigasiwe kugeza mu museke w'ubugorozi. Amanywa yari atangiye gutangaza.

# GUKOMEZWA NO KWIZERA: YOHANA HUSI N'ABANDI

"Ufite uwo Mwana ni we ufite ubwo bugingo, naho udafite Umwana w'Imana nta bugingo afite" (1 Yohana 5:12)

**Nyuma ya Yohana Wikilife, havutse abandi bagorozi:**

**Ni iki cyabahaye ubutwari bwo gukora ubugorozi no guhangana n'ibibazo ndetse n'urupfu?**



**Yohana Husi**
**(1370–1415)**



**Jerome**
**(1360–1416)**



**Tindale**
**(1494–1536)**



**Hage Latima**
**(1490-1555)**



- Bizeraga amasezerano ya Kristo
- Imbaraga za Kristo zari zihagije kugira ngo baneshe ibigeragezo
- Baboneye ibyishimo mu kubabarana na Kristo
- Ubudahemuka bwabo bwari ubuhamya bukomeye ku isi
- Barebye ibirenze ibya none, batumbira ahazaza hahebuje
- Bari bazi ko urupfu ari umwanzi waneshejwe
- Bagundiriye amasezerano yo mu Ijambo ry'Imana

**Yohana Husi yashyizwe mu nzu y'imbohe, amaherezo atwikirwa ku giti. Ari muri nzu y'imbohe yaranditse ati: "mbega ukuntu Imana yangiriye imbabazi, kandi ikankomeza ku buryo buhimbaje!" Nk'uko amasezerano y'Imana yakomeje ubwoko bwayo mu gihe cyashize, natwe aradukomeza uyu munsi.**

**“Muri icyo gihe kibi abazakorera Imana bose badatinya bakurikije ibyo umutimanama ubabwira, bazakenera ubutwari ndetse no kumenya Imana n’ijambo ryayo. Kubera ko abantu b’indahemuka ku Mana bazarenganywa, imigambi yabo izashidikanywaho, imihati yabo myiza izahabwa isura mbi kandi amazina yabo azavugwa nabi. Satani azakoresha imbaraga z’uburiganya bwe bwose kugira ngo ayobye umutima kandi yijimishe intekerezo. […] Uko ukwizera kw’abantu b’Imana kuzarushaho gukomera no gutungana, ndetse n’uko icyemezo cyabo cyo kumvira Imana kizaba gishikamye, ni ko Satani azabateza imvururu ziturutse ku bantu basuzugura amategeko y’Imana kandi bavuga ko ari intungane. Kugira ngo hazabeho gushikama ku kwizera kwahawe intungane, bizasaba kwiringira kutanyeganyega n’umugambi ukomeye w’ubutwari.”**

**E.G. White, *Ibyakozwe n’Intumwa*, igice cya 40, p. 266.1**